REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N° 46 /07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 20 UGUSHYIINGO 2014

Kuri uyu wa Kane tariki **20 Ugushyingo 2014** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine n'iminota icumi**(10H10)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel.** Umuyobozi w'inama akaba yamenyesheje Abajyanama ko inama yitabiriwe n'Intumwa za Rubanda mu Nteko ishinga amategeko aribo Honorable **MUKARUGEMA MANZI Alphonsine** na Honorable **MUKAKARANGWA Clotilde** . Inama Kandi yitabiriwe n'Intumwa y'Urwego rw'Umuvunyi Madame **NIWEMUGENI Véstine** n'Umukozi w'Intumwa y'Ikigo cy'umutungo kamere Bwana **KAYONGA Léonard**

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

1. **Ikiganiro cy'umuvunyi Mukuru kigamije gufasha Inama Njyanama kurangiza neza inshingano zayo**
2. **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 01 Kanama 2014**
3. **Raporo y'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama y'Akarere**
4. **Ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya I/2014 – 2015**
5. **Gahunda y'ikoreshwa ry'ubutaka mu Karere ka KAMONYI**
6. **Ibigenerwa abagize Inama Njyanama y'Akarere**
7. **Raporo ya "Auditeur interne" igihembwe cya IV/2013 – 2014 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'Inama zatanzwe n'umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta**
8. **Raporo ku bibazo by'ubutaka byashyikirijwe Inama Njyanama y'Akarere**

9. **Kwemeza "Standard service charter " mu Karere ka KAMONYI**
10. **Ibindi**

Ku birebana n'ingingo ziribusuzumwe ; ingingo irebana na raporo ku bibazo by'ubutaka byashyikirijwe Inama Njyanama y'Akarere hemejwe ko iyi ngingo ikurwa mu ngingo ziri busuzumwe n'Inama Njyanama kubera ko hari ibibazo bigomba gukemurwa na Komite Nyobozi hakurikijwe Itegeko **Nº 87/2013** ryo ku wa 11/09/2013 rigenga imitegekere y'inzego z'Igihugu zegerejwe abaturage. Igihe haba hari imishinga minini ikabanza kunyuzwa muri Komisiyo y'Iterambre ry'ubukungu mbere y'uko ishyikirizwa Inama Njyanama.

Abajyanama bagejejweho ikiganiro ku itegeko **N°61/2008** ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za leta n'Itegeko **N°04/2013** ryo ku wa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru bakaba bakigejejweho na Madame **NIWEMUGENI Véstine** ; Intumwa y'Urwego rw'Umuvunyi. Abajyanama bakaba biyemeje gukurikiza ibiyakubiyemo byose no kuyamenyekanisha mu zindi nzego z'ubuyobozi zigize Akarere.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bize ingingo ku ngingo bafata ibyemezo bikurikira:

1. **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 01 Kanama 2014**

Nyuma yo kuyikorera ubugororangingo, Abajyanama bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **01 Kanama 2014.**

2. **Raporo y'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama y'Akarere**

Abajyanama bashimye akazi kakozwe n'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama bemeza ko ubutaha hanozwa uburyo bwo gutanga raporo.

- Abajyanama basabye ko hakomeza gukorwa ubuvugizi ibikoresho byo kubaka amashuri ya "12YBE" bikaboneka vuba kugirango hihutishwe iyubakwa ryayo.

3. **Ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere igihembwe cya I/2014 – 2015**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel** , amaze kugeza ku Bajyanama ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari igihembwe cya **I/2014 – 2015** , ikaba imaze gushyirwa mu bikorwa ku kigero cya **38.3%** kugeza tariki ya 20 Ugushyingo 2014 bashimye uburyo yashyizwe mu bikorwa n'ingamba zafashwe n'ubuyobozi bw'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imali ndetse n'imyinjirize y'imisoro n'amahoro.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga inyandiko igaragaza ingengo y'imari imaze gukoreshwa igihembwe cya I/2014 – 2015

4. Gahunda y'ikoreshwa ry'ubutaka mu Karere ka KAMONYI

Kuri iyi ngingo Umukozi w'Intumwa y'Ikigo cy'umutungo kamere Bwana **KAYONGA Léonard** afatanyije n'Umuyobozi w'ibiro by'ubutaka mu Karere Bwana **RWIZIHIRWA Innocent** bagejeje ku Bajyanama gahunda y'ikoreshwa ry'ubutaka mu Karere ka KAMONYI ikaba yarateguwe hakurikijwe :

- Imirongo migari y'imicungire y'ubutaka
- Itegeko rigenga imicungire y'ubutaka yo mu mwaka wa 2005
- Icyerekezo igihugu kihaye cya Vision2020

Abajyanama bamaze kuyunguranaho ibitekerezo bemeje gahunda y'imikoreshereze y'ubutaka mu Karere ka KAMONYI basaba inzego zose gukomeza gukangurira abaturage gukoresha ubutaka batabusesagura.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga inyandiko igaragaza gahunda y'ikoreshwa ry'ubutaka mu Karere ka KAMONYI

5. Ibigenerwa abagize Inama Njyanama y'Akarere

Kuri iyi ngingo Abajyanama bashingiye ku itegeko **Nº 87/2013** ryo ku wa **11/09/2013 ,** Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, Abajyanama basanze hari ibyo ritateganyije bemeza ibi bikurikira:

- Abagize Komisiyo igihe bakoze "descente": Bazajya bashakirwa imodoka bahabwe n'amafaranga y'urugendo (kuva aho imodoka ibagejeje kugera mu rugo) n'ifunguro: ibihumbi cumi na bitanu **(15000)**
- Igihe abagize biro y'Inama Njyanama baje mu nama zitari iz'Inama Njyanama cyangwa Komisiyo bazajya bahabwa amafaranga y'urugendo ibihumbi mirongo makumyabiri **(20000)**
- Igihe Abajyanama baje mu nama zitari iz'Inama Njyanama cyangwa Komisiyo bazajya bahabwa amafaranga y'urugendo angana n' ibihumbi cumi na bitanu **(15000)**
- Igihe Abajyanama bitabiriye inama z'Inama Njyanama z'Imirenge bahabwa amafaranga y'urugendo n'ifunguro angana n' ibihumbi cumi na bitanu **(15000)**

6. Raporo ya "Auditeur interne" igihembwe cya I/2014 – 2015 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'Inama zatanzwe n'umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta

Kuri iyi ngingo Umugenzuzi bwite w'Akarere amaze kugeza ku Bajyanama raporo ya "Auditeur interne" igihembwe cya I/2014 – 2015 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'Inama zatanzwe n'umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, Ubugenzuzi bukaba bwarakorewe mu bigo Nderabuzima : CYERU, KAMONYI , KARANGARA na KIGESE na Pharmacie y'Akarere bashimye akazi kakozwe bafata imyanzuro ikurikira:

- Ku bijyanye na konti z'ibigo Nderabuzima hemejwe ko hakurikiranwa imicungire y'amakonti y'ibi Bigo Nderabuzima

- Ku bijyanye n;Umucungamali wa Pharmacie y'Akarere **Madame MUKASHYAKA Djamila** ukekwaho kunyereza amafaranga ya Pharmacie y'Akarere; Abajyanama bemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ikomeza gukurikirana iki kibazo kandi uyu Mukozi agafatirwa igihano kijyanye n'amakosa yakoze. Komite Nyobozi ikazashyikiriza raporo y'uko bagikurikiranye mu nama y'Inama Njyanama itaha. Hemejwe kandi ko Komite y'ubugenzuzi ikora ubucukumbuzi bwimbitse ku makosa yakozwe n'uyu Mukozi ikazatanga raporo mu nama y'Inama Njyanama itaha.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo y'Umugenzuzi bwite y'Igihembwe cya I/2014 – 2015

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi n'imwe na mirongo itanu z'umugoroba **(17H50),** Umuyobozi w'inama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo byubaka batanze,

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo.

NIKUZE Marie Chantal	**KARURANGA Emmanuel**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama	Umuyobozi w'Inama Njyanama